EVECHE DE KABGAYI

LUMEN CHRISTI OPUS MEA

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU WA NOHELI 2018

*(✠ Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Kabgayi)*

***Amasomo ya Misa:***

*Misa yo mu gicuku: Iz 9, 1-6; Tito 2, 11-14; Lk 2, 1-14*

*Misa yo ku manywa: Iz 52, 7-10; Heb 1, 1-6; Yh 1, 1-18*

**"Malayika arababwira ati "Mwigira ubwoba, kuko mbazaniye inkuru ikomeye cyane, izashimisha umuryango wose. None, mu mujyi wa Dawudi mwavukishije Umukiza, ari we Kristu Nyagasani"**

***(Lk 2, 10-11)***

Bakristu Bavandimwe, Noheli nziza, Umwana yatuvukiye, ni Kristu Nyagasani. Iri joro rihire, murumuna wa ryarindi uyu Yezu Kristu yazutseho mu bapfuye, ni ijoro fatizo ry'amatwara mashya Imana ubwayo, muri Yezu Kristu, izaniye abantu.

Nk'uko umuhanuzi Izayi abivuga, ati ***"Abantu bagendaga mu mwijima babonye urumuri nyamwinshi, abari batuye mu gihugu cy'icuraburindi, urumuri rwabarasiyeho" (Iz 9, 1).*** Noheli rero ubwayo, nk'umunsi mukuru, yinjiye mu mateka y'abantu, ahubwo tudashishoje abapagani cyangwa abemera gake bayidutwara bakayizihiza batakibuka uwo bizihizamo. Noheli ni umunsi mukuru wacu nk'abakristu. Ni umunsi w'ivuka rya Nyagasani Yezu, umucunguzi wacu. Ntihakagire udutwara Noheli yacu, ahubwo tuyizihize nk'abamalayika n'abashumba. Mucyo dusange Yezu Kristu mu kirugu cy'i Betelehemu, maze twirebere ikuzo n'uburanga bw'Imana yacu ije itugana by'ako kageni.

Tubanze dusabe imbabazi z'ibyaha byacu, twegerane umutima uciye bugufi Kristu Yezu uje atugana.

***Nemereye imbere Imbere y'Imana ishobora byose…***



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 (0)78 25 72 506
+250 (0)78 49 15 214
+250 (0)78 85 16 346

e-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU WA NOHELI 2018

*(✠ Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Kabgayi)*

***Amasomo ya Misa:***

*Misa yo mu gicuku: Iz 9, 1-6; Tito 2, 11-14; Lk 2, 1-14*

*Misa yo ku manywa: Iz 52, 7-10; Heb 1, 1-6; Yh 1, 1-18*

**"Malayika arababwira ati "Mwigira ubwoba, kuko mbazaniye inkuru ikomeye cyane, izashimisha umuryango wose. None, mu mujyi wa Dawudi mwavukishije Umukiza, ari we Kristu Nyagasani"**
***(Lk 2, 10-11)***

Bakristu bavandimwe,

1. Tumaze kumva amasomo matagatifu y'uyu munsi twibukaho ivuka rya Nyagasani Yezu. Yatoranyijywe mu yandi masomo twakomeje no kumva muri iki gihe cya Adiventi turangije; aho abahanuzi banyuranye bavugaga ku maza ya Nyagasani, kugeza kuri Yohani Batisita wamubanjirije bya hafi, ndetse akanamwerekana aho amariye kuza. Iri vuka rya Yezu rero ni umusozo w'amateka ya Israheli n'Imana, ikaba n'intangiriro y'amateka mashya ya Yezu Kristu n'abazamwemera bose, uhereye ku Bayisraheli ukagera ku mahanga yose.

2. Natangije aya magambo ya Malayika wa Nyagasani abwira abashumba Inkuru Nziza y'ivuka rya Yezu Kristu. Nubwo ari bo yabwirwaga ku ikubitiro, ariko ni twese iyi Nkuru Nziza yari igenewe. Malayika arababwira ati ***"Mwigira ubwoba, kuko mbazaniye inkuru ikomeye cyane, izashimisha umuryango wose. None, mu mujyi wa Dawudi mwavukishije Umukiza, ari we Kristu Nyagasani" (Lk 2, 10-11).*** Malayika arabamara ubwoba ku birimo kuba, akanabarangira, abaha ibimenyetso bizatuma bamumenya. Ubwo bwoba Malayika amara abashumba bushingiye kuki? Ubundi kumva "mu mugi wa Dawudi" no kumva "Kristu Nyagasani" ubwabyo, ku muyisraheli nyawe byumvikanisha byinshi: ni indunduro y'ibihe byateganyijwe kenshi n'abahanuzi; ariko noneho uko Yezu aje n'aho avukiye si ko byasobanukiye bose. Si ko bari babyiteze.



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 (0)78 25 72 506
+250 (0)78 49 15 214
+250 (0)78 85 16 346

e-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

"Mu kiraro cy'inka", "aryamye mu kavure," kandi bigahagurutsa abamalayika n'abashumba, ibyo bintu byagombaga gutera ubwoba, ariko Malayika wa Nyagasani arabubamara. Bajyayo bihuta, bahasanga Mariya na Yozefu n'uruhinja ruryamye hagati yabo; mbese nk'uko Malayika yabibabwiye. Abashumba baremeye, hirya y'icyo kirugu babona ikuzo ry'Imana. Inyuma y'ibi byose byababaga, hari akajambo gakomeye Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Luka igobekamo ngo ***"Mariya we yashyinguraga mu mutima we ibyabaye byose, akabizirikana" (Lk 2, 19).*** Ni umurimo ukomeye Mariya yakoraga muri iryo vuka rya Yezu n'inteko y'abamalayika n'abashumba. Ni wo murimo kandi Kiliziya irimo gukora, izirikana ibyabaye byose byerekeye ivuka rya Yezu, ikabyumva, ikanabimenyekanisha.

Bakristu bavandimwe,

3. Ubwo Nyagasani Yezu yavukiraga i Betelehemu, umugi w'igihangange wa Dawudi, ariko wari usigaye ari nk'amatongo ya karahanyuze. Nyamara nubwo ari uko biri, isezerano ryari rikiri ryose mu bemera. Mwene Dawudi uzima ingoma ubuziraherezo yari ategerejwe. Yezu Kristu avuka, mu gihe umwanditsi w'Ivanjili ya Luka ashyira mu mateka yabyo: ku ngoma ya Kayizari Ogusto, Kwirini ari umutware wa Siriya, Nazareti na Betelehemu byabarirwagamo, mu gihe cy'ibarura rukokoma; ni bwo Yezu Kristu yavukiye i Betelehemu mu kirugu, bakamuryamisha mu kavure. Nta mwami cyangwa ibikomangoma baje kumwakira. Nta gorofa cyangwa umugi ukomeye yahisemo kuvukiramo. Ariko hari ikintu gikomeye nkeka tutari twasobanukirwa Yohani avuga neza mu Ivanjili ye y'uyu munsi: **ni ikuzo ry'Imana rimugaragaraho,** abashumba babonye bagatangara, abamalayika babonye bakaririmba, Mariya na Yozefu bamubona bakamukunda nk'umwana wabo kandi bakamuramya nk'Imana yabo. Yezu, Uruhinja rw'i Betelehemu twizihiriza ivuka none, Malayika aturarikira gusanga dushize ubwoba, afite isura yavukanye, yamuranze ikanamuherekeza kugeza cyane cyane mu izuka rye, nyuma y'urupfu ku musaraba.

4. Ukwicisha bugufi n'ubwiyoroshye, ineza n'ubutungane byamurangaga, kuba ari umunyamahoro n'urugwiro; ibi ni byo byatumye yumvikana nk'Umwana w'Imana koko. Kandi uko yagendaga akura, kuva mu buto bwe, ni na ko byagendaga birushaho kwigaragaza. Ni byo umwanditsi w'Ivanjili ya Yohani avuga mu ijambo rigufi ryuzuye ubuhanuzi ngo ***« Nuko Jambo yigira umuntu, abana natwe maze twibonera ikuzo rye » (Yh 1, 14).***
   Reka mbabwire ahantu hatatu hanyuranye mu buzima bwa Yezu, iryo kuzo ry'Imana ryagiye rimugaragaho; ariko akaryerekana mu bwiyoroshye no kwicisha bugufi: igihe Mariya na Yozefu bajyanye umwana mu i Hekalu, maze umusaza Simewoni yamufata mu biganza akabona ikuzo rye, akiyamirana ubwoba bwinshi buvanze n'ibyishimo agira ati ***« Noneho Nyagasani ubishatse wasezerera umugaragu wawe, kuko amaso yanjye yabonye agakiza kawe » (Lk 2, 29-30).*** Ahandi nanone ni ubwo Yezu yahuriraga na Yohani Baptista kuri Yorudani aho yabatirizaga. Yezu amanuka hamwe n'abanyabyaha ngo abatizwe na we, hanyuma avuye mu mazi Yohani abona Roho Mutagatifu amumanukiraho, maze ijwi rituruka mu ijuru ngo ***« Uyu ni umwana wanjye nkunda cyane unyizihira » (Mt 3, 17).***

Aho ndangirijeho ntihasanzwe: ni igihe Mariya Madalena yari amaze guhura na Yezu yazutse. Bamubajije icyo yabonye abasubiza n'iri jambo ryoroheje ariko rivuga byose kuri Yezu. Mariya Madalena ati: ***"Nabonye imva irimo ubusa, nabonye ikuzo ry'Imana" (Yh 20, 18)***. Ibyo kandi abivuga nk'ubuhamya bukomeye yataratse, na we ubwe yahindutse ukundi rwose, bituma wumva ko hari uwo bahuye akamunyura.

Bakristu bavandimwe,

5. Natwe kenshi duterwa ubwoba n'uriya Yezu wavukiye mu kirugu cy'i Betelehemu, akarangiriza ubuzima bwe i Yeruzalemu, ku musaraba no mu mva nkatwe twese. Yagaragaje ubwiyoroshye n'ukwicisha bugufi, ariko hari ikintu atigeze ahisha mu myigaragarize ye. Ntiyigeze ahisha ikuzo ry'Imana ryari rimurimo; yaje nk'uwifitemo ubushake bw'Imana bwo kudukunda no kudukiza kandi hari ibimenyetso byinshi yatanze tugezwaho n'abamukurikiye, bamwemeye. Ariko ikiruta ibindi, ari na cyo Kiliziya yacu ishingiyeho, ni uko yazutse mu bapfuye, maze akiyereka Intumwa ze, akatwuzuza Roho Mutagatifu udukoresha byinshi mu bwiyoroshye no kwicisha bugufi twigana Yezu Kristu. Ni byo byishimo byacu uyu munsi. Turishimye kuko uyu Yezu yadukoreye ibitangaza. Kiliziya yacu yuzuye ikuzo rye.

   Umunsi wa Noheli twibukaho ivuka rya Nyagasani Yezu Kristu, ni umunsi utwibutsa amahoro, ineza n'ubutungane Yezu Kristu yinjiranye muri iyi si. Ukuvukira i Betelehemu n'urupfu rwe ku musaraba i Yeruzalemu, utibagiwe urugendo yakoze mu Galileya kugira ngo agereyo; **agenda agaragaza ikuzo ry'Imana n'impuhwe, yuzuye ubushake n'ubushobozi bwo kudukiza, ni byo twamamaza iyo twibuka izuka rye mu bapfuye**. Ni byo turimo gukora ubu muri aka kanya. Tubikorane ukwemera nka Mariya iruhande rwa Yezu, washyinguraga mu mutima we ibyabaye byose akabizirikana. Tuzirikane, twemere, kandi twishime: Nyagasani Yezu yaraducunguye.

   Bakristu bavandimwe,

6. Nka Kiliziya ya Yezu Kristu iri i Kabgayi, twizihije Noheli mu kinyotera cy'imyaka itatu turangije n'imigambi yayo twagiye dufata. Mu ntangiriro za buri mwaka, mu myanzuro twafashe n'ubutumwa bwasozaga; harimo ibyo kutabika mu tubati, ahubwo tukabishyira ku mutima nka Mariya, tukabizirikana. Buriya umwaka w'Impuhwe twahereyeho, umwaka w'ubusaserdoti wakurikiyeho n'umwaka udasanzwe w'ubwiyunge dushoje, Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda yayishyizeho igira ngo tuvugurure Iyogezabutumwa ryacu, ariko tunitegure nk'abakristu kwinjira neza mu mwaka wa 25 habaye jenoside yakorwe Abatutsi, mu mwaka w'i 1994. Ni igikomere cyimbitse cyashegeshe amateka y'ubukristu bwacu mu Rwanda. Kuzirikana ku mpuhwe z'Imana ugamije gusaba imbabazi no kuzitanga, ari na ko uvura ibikomere, kwiyibutsa uruhare rwa Padiri mu buzima bwa Kiliziya n'ubw'Igihugu nk'umuhamya wa Kristu Yezu Umuhumba Mwiza; hanyuma tukazirikana aho inzira y'ubwiyunge igeze twongera gushimangira ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe: ni uko nka Kiliziya Gatolika mu Rwanda twifuza kwinjira muri uyu mwaka uje twitwaje urumuri rwa Kristu mu bukristu butubyarira ubuvandimwe bunoze.

7. Na none sinabura kuvuga ku kibazo gihangayikishije Kiliziya n'umuryango nyarwanda muri rusange: abakobwa batwara inda batarageza ku myaka y'ubukure cyangwa se bayifite ariko batarashaka. Ikimbabaza nuko bavuga abakobwa bazitwara, ntibavuge abagabo n'abasore bazibatera. Nta mwana utagira se na nyina. Hagomba kubaho itegeko rigaragaza uburyozwe bwa bene abo babyeyi batererana abana. Gushakira igisubizo kuri iki kibazo mu gukwirakwiza inshinge n'udukingirizo ntibigabanya ikibazo, ahubwo byongera ibindi. None se ko intandaro yabyo ari ubusambanyi, imiti n'udukingirizo biza bibwongera; kandi hakaziraho n'izindi ngeso zitabarika. Umuti nyawo w'iki kibazo ni uburere bwiza bw'abana kandi ababyeyi n'abarezi bafitemo uruhare runini. Ni umuco wo kwifata no gukoresha ubwenge n'ubushake, ukumva ingaruka ziri mu busambanyi, imbyaro udashoboye kurera, n'indwara zitagira imiti; wongereho noneho n'ubwomanzi bikurura.
   Mubyeyi, murezi washakira umuti w'ibyo hehe?

   Babyeyi, barezi namwe mwese mufite aho muhurira n'urubyiruko, kuri ibi bibazo abana bacu si intumva. Ariko ijwi bumva kurusha ayandi ni ingero nziza bateze ku babyeyi n'urukundo rudashidikanywaho rubahatira gukora igitunganye. Ibi tubigize ibyacu twese abana tubyara babyumva. Nta mwana uvuka ari icyomanzi, iyo abaye cyo haba hari icyabuze mu burere bwe. Igihe rero ateshutse, nabone abamwumva, bamufashe asubize ubwenge ku gihe; aho kuhirwa imiti imwica kurushaho.

8. Mu gusoza, bakristu bavandimwe, duherutse gutangiza umwaka w'Iyogezabutumwa nk'uko tubigira buri mwaka, ubu twifuje ko imiryangoremezo n'inzego z'ubuyobozi zunganira Padiri muri paruwasi byakwitabwaho. Iyogezabutumwa rivuguruye rizashoboka ari uko ryegerejwe abakristu mu miryangoremezo. Nyagasani Yezu watuvukiye nabone abogezabutumwa bamumanura bakamwegereza bariya bose mu miryangoremezo; ari byo yashakaga kutwereka igihe avukira mu kirugu, agapfira ku musaraba, maze ikuzo ry'Imana rikigaragaza.

   Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho, nakomeze adufashe mu nzira y'ukwemera; turusheho gusingira urumuri rwa Kristu no kurwitwaza umunsi ku wundi mu buzima bwacu bwa gikristu kandi bwa buri munsi.

Noheli nziza n'umwaka mushya muhire wa 2019!

Nyagasani Yezu abane namwe.

SMARAGDE MBONYINTEGE EPISCOPUS KABGAYIENSIS

**✠ Smaragde MBONYINTEGE**
**Umushumba wa Kabgayi**